cyangwa ibiro by'ubutaka by'Akarere ubwo butaka buherereyemo ugahabwa inyandiko (form/ formulaire) wuzuza ugaragaza ikibazo cyawe hanyuma ukayitanga. Ikibazo cyawe kirigwa byagaragara ko gifite ishingiro, ibyangombwa by'iyandikisha ry'ubutaka wahawe bigakosorwa ugahabwa ibisimbura ibyo wari ufite.

4. Ubutaka bwanditsweho amakimbirane mu gihe cy'iyandikisha ry'ubutaka mu buryo bwa rusange bwandikishwa bute iyo akemutse?

- Icyemezo cy'urukiko cyangwa cy'Inteko y'Abunzi kiriho kashe mpuruza n'inyandikomvugo y'irangizarubanza cyangwa inyandiko yashyizweho umukono n'abari bafitanye amakimbirane yemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge bw'aho ubutaka buherereye mu gihe habaye ubwumvikane;
- Iyo usaba ko amakimbirane avanwaho yujuje ibisabwa abishyikiriza Umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa Ibiro by'Ubutaka by'Akarere ubutaka buherereyemo, kugira ngo Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka atange ibyangombwa by'iyandikisha ry'ubutaka.

5. Umuntu ushaka guhindura amakuru y'ubutaka anyura mu zihe nzira?

Umuntu ushaka guhinduza amakuru yanditse muri rejisitiri y'ubutaka azana ibyangombwa bya burundu akosoza, akuzuza inyandiko isaba (Form) gukosoza amakuru iboneka mu Biro by'Umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa mu biro by'ubutaka by'Akarere, agatanga ibyangombwa bimuranga, agakorerwa ibindi byangombwa. Iyo asaba guhindura izina agomba kuba yitwaje kopi y'Igazeti ya Leta yemeza ihindurwa ry'amazina, naho iyo asaba guhindura aderesi agomba kuba yitwaje icyangombwa kigaragaza ko yahinduye aho atuye gitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'aho abarizwa.

6. Umuntu utarashoboye kubona ibyangombwa by' ubutaka bwe kubera ko yagize ikibazo cyo kutabona numero z'irangamuntu ye cyangwa y'uwo bafatanyije ubutaka yakora iki kugira ngo iki kibazo gikemurwe?

Umuntu ushaka ibyangombwa by'ubutaka kubera ko we ubwe cyangwa uwo bafatanije ubutaka atari afite irangamuntu mu gihe cy'iyandikisha ry'ubutaka mu buryo bwa rusange agana Ikigo Gishinzwe Irangamuntu agahabwa numero y'ibimuranga cyangwa numero y'ibiranga uwo bafatanije ubutaka akayijyana mu Karere ubutaka buherereyemo, hanyuma akuzuza inyandiko yabugenewe isaba guhabwa ibyangombwa by'ubutaka.

7. Umuntu utaratwara ibyangombwa by'ubutaka kandi byarasohotse asabwa iki kugira ngo abibone?

Agomba kandi kuba yitwaje ibisabwa hakurikijwe ko nta numero y'ubutaka afite, ko ayifite ariko akaba nta cyemezo cy'agateganyo gihabwa uwabaruje ubutaka, cyangwa se hakurikijwe ko yahawe icyangombwa cy'agateganyo gihabwa uwabaruje ubutaka. Asabwa kugana Umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa ibiro by'ubutaka mu Karere ubwo butaka buherereyemo yitwaje ibyangombwa bimuranga, akuzuza inyandiko yabugenewe asaba ibyangombwa bye, akagaragaza ibyangombwa by'agateganyo afite.

8. Abahawe ibyangombwa bituzuye bakora iki kugira ngo babone ibyuzuye?

Bajya mu Biro by'Umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa mu Biro by'Ubutaka by'Akarere ubwo butaka buherereyemo,bakagaragaza ibyangombwa bahawe, bakuzuza inyandiko yabugenewe isaba ibyangomba bitabonetse. Bagomba kandi kuba bitwaje ibyangombwa bibaranga.

E-mail: info@rlma.rw | **Website:** www.rlma.rw
www.rwandalanduse.rw

*651# ugakuriza amabwiriza cyangwa wahamagara nimero itishyurwa: 2142

Repubulika Y'u Rwanda
Ikigo Gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda (RLMUA)
UKaid from the British people

Andikisha iherererekanya ryose ry'ubutaka, Wubahiriza icyo bugenewe gukoreshwa

Ibibazo abantu bakunze kwibaza ku bijyanye no kwandikisha ubutaka

IGIKA CYA MBERE

1. Kwandikisha ubutaka ni iki?

Kwandikisha ubutaka ni uguhamya no kwemeza uburenganzira abantu bafite ku butaka bwabo [Land Tenure Regularisation (LTR)] n'uburyo bukoreshwa hagamijwe kwemeza no kurinda uburenganzira babufiteho.

2. Akamaro ko kwandikisha ubutaka ni akahe?

- Gushimangira umutekano abantu bafite ku butaka bwabo kubera ko uburenganzira bwo gutunga ubutaka buzasobanuka neza kandi hakabaho n'uburyo buboneye bwo gukemura amakimbirane;
- Kugaragaza ba nyir'ubutaka n'ababufiteho inyungu;
- Kwemeza no gushimangira uburenganzira ku butaka bw' ababubuzwaga cyane cyane abagore, abana, abapfakazi n'impfubyi;
- Kugaragaza imicungire y'ubutaka inoze n'iyubahiriza ry'amategeko agamije kubungabunga ibidukikije;
- Guteza imbere ubukungu binyuze mu gushyigikira ishoramari ry'abikorera ku giti cyabo mu gihe kirambye;
- Guteza imbere ishoramari ricirikitse ry'abikorera ku giti cyabo hagamijwe iterambere ryo mu mijyi;
- Kongera umusaruro w'ubutaka uturuka ku buhinzi n'ubworozi bwa kijyambere ndetse n'imicungire myiza y'ubwo butaka;
- Korohereza abatunze ubutaka kubona inguzanyo.

IGIKA CYA KABIRI

3. Utarandikishije ubutaka bwe mu gihe cy'iyandikisha ry'ubutaka mu buryo bwa rusange abigenza ate?

a. Iyo utabonye nimero y'ikibanza

- Ushaka umutekinisiye wazobereye mu gufata ibipimo cy'ubutaka akagukorera ifoto y'ubwo butaka (Fiche cadastrale/cadastral deed);
- Ushaka icyemezo cy'umutungo kitarengeje amezi atatu gitangwa n' Umurenge Ubutaka buherereyemo kugira ngo hemezwe ko ubutaka ari ubwawe kandi ko budafite amakimbirane;
- Ushaka icyemezo cy'irangamimerere;
- Utanga amafaranga y'iyandikisha ku Kigo cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority). Mu cyaro ni amafaranga (1000), mu mujyi ni (5000);
- Dosiye uyishyikiriza umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa Ibiro by'Ubutaka by'Akarere ubwo butaka buherereyemo;
- Hanyuma ugahabwa nimero;
- Ugakorerwa n'ibyangombwa n'umubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka.

b. Iyo wabonye nimero ariko ntubashe gufata ibyangombwa

Ushyikiriza Umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku Murenge cyangwa Ibiro by'Ubutaka by'Akarere ubutaka buherereyemo dosiye ikubiyemo ibi bikurikira:

- Icyemezo cy'umutungo kitarengeje amezi atatu gitangwa n' Umurenge Ubutaka buherereyemo kugira ngo hemezwe ko ubutaka ari ubwawe kandi ko budafite amakimbirane;
- Icyemezo cy'irangamimirere (ko washatse cyangwa uri ingaragu;
- Hatangwa amafaranga y'iyandikisha ku Kigo cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority). Mu cyaro ni amafaranga (1000), mu mujyi ni (5000);
- Hanyuma ugakorerwa ibyemezo by'iyandikisha ry'ubutaka bwawe.

c. Iyo ufite icyemezo cy'agateganyo gihabwa uwabaruriwe ubutaka

- Ushyikiriza umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku murenge cyangwa ibiro by'ubutaka ku Karere icyemezo cy'agateganyo wahawe mu gihe cy'iyandikisha rusange ry'ubutaka;
- Hanyuma bakareba ko iyo sambu nta makimbirane yandikishijweho mu gihe cy'iyandikisha ry'ubutaka mu buryo bwa rusange, basanga ntayo ugahabwa ibyangombwa by'iyandikisha ry'ubutaka.

d. Iyo usanze ibyemezo by'iyandikisha wahawe birimo amakosa

Iyo usanze ibyangombwa by'iyandikisha ry'ubutaka wahawe bifite amakosa, haba ku mazina, nimero y'indangamuntu, kutandika umugore wawe cyangwa umugabo wawe, cyangwa igishushanyo kigaragaza imbibe z'ubutaka bwawe kigaragaramo amakosa, ugana umukozi ushinzwe iby'ubutaka ku murenge